# 284: Har 'intama urwenda n'icyenda

1.

Har 'intama urwenda n'icyenda Zari hamwe mu rwuri; Arikw imwe yar' izimiye,Ivuye ku Mwungeri,Mu bihanamang'izerera,itaye umwungeri wayo mwiza.

2.

izo ufit' urwenda n'icyenda, mbese, ntizihagije? ;uwomwunger' ati: Sigaho ! na yo n' iyanjye !naho yab' igeze kure he, ngiye gushak' iyo ntama yanjye.

3.

mu bacunguwe nta wamenya imigezi yambutse no kuzerera mu mwijima,ashak' iyo ntama ye ! yumva intam' ihondobereye, asanga ivunitse, yenda gupfa.

4.

iyi nkora mbona n' iy'iki, Kw irimw amaraso se ?ati:ntuzi ko nanyuze aho,nshaka intama izimiye? ibiganza byishwe n'iki se? byishwe n'amahwa muri iri joro.

5.

umva,ngiry'ijwi rirangira ry'uwo mwungeri mwiza,ati mbony'iyo najimije,ni munezerwe mwese!nuko abamarayika bose bavuz'impundu,banezerewe!

Visit us at indirimbo.com